

ITEKA RYA PEREZIDA N°008/01 RYO KU WA 10/05/2016 RIGENA IMIKORERE N'UBUBASHA BY'UMUBITSI W'IMPAPUROPAMO Z' UBUTAKA
PRESIDENTIAL ORDER N°008/01 OF 10/05/2016 DETERMINING THE FUNCTIONING AND POWERS OF REGISTRAR OF LAND TITLES
ARRETE PRESIDENTIEL N°008/01 DU 10/05/2016 DETERMINANT LE FONCTIONNEMENT ET LES COMPETENCES DU CONSERVATEUR DES TITRES FONCIERS

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Ingingo ya 2: Igisobanuro cy'Umubitsi w'Impapurompamo z'Ubutaka

Article 2: Definition of Land Registrar

Article 2: Définition du Conservateur Foncier

UMUTWE WA II: IMIKORERE Y'UMUBITSI MUKURU W'IMPAPUROPAMO Z'UBUTAKA N'UMUBITSI W'IMPAPUROPAMO Z'UBUTAKA

CHAPTER II: FUNCTIONING OF THE CHIEF REGISTRAR OF LAND TITLES AND A REGISTRAR OF LAND TITLES

CHAPITRE II: FONCTIONNEMENT DU CONSERVATEUR DES TITRES FONCIERS EN CHEF ET DU CONSERVATEUR DES TITRES FONCIERS

Ingingo ya 3: Amafasi y'iyandikisha ry'ubutaka

Article 3: Land registration zones

Article 3: Zones d'enregistrement foncier

Ingingo ya 4: Irahira n'itangira ry'imirimo

Article 4: Taking oath and commencement of duties

Article 4: Prestation de serment et entrée en fonctions

Ingingo ya 5: Ubwigenge mu mikorere

Article 5: Independence in functioning

Article 5: Indépendance dans le fonctionnement

Ingingo ya 6: Inama y'Ababitsi b'Impapurompamo z'ubutaka

Article 6: Council of Registrars of Land Titles

Article 6: Collège des Conservateurs des Titres Fonciers

Ingingo ya 7: Inshingano mu bijyanye n'imikorere y'Ibiro by'Ubutaka by'Akarere n'Umurenge

Article 7: Responsibilities related to functioning of District and Sector Land Bureaus

Article 7: Attributions en matière de fonctionnement du Bureau Foncier de District et Secteur

Ingingo ya 8: Gusigarirwa ku mirimo

Article 8: Replacement during absence

Article 8: Remplacement en cas d'absence

Ingingo ya 9: Gutanga raporo

Article 9: Report of activities

Article 9: Rapport d'activités

UMUTWE WA III: UBUBASHA N'INSHINGANO BY'UMUBITSI MUKURU W'IMPAPUROPAMO Z'UBUTAKA N'UMUBITSI W'IMPAPUROPAMO Z'UBUTAKA

CHAPTER III: POWERS AND RESPONSIBILITIES OF THE CHIEF REGISTRAR OF LAND TITLES AND A REGISTRAR OF LAND TITLES

CHAPITRE III: COMPETENCES ET ATTRIBUTIONS DU CONSERVATEUR DES TITRES FONCIERS EN CHEF ET DU CONSERVATEUR DES TITRES FONCIERS

Ingingo ya 10: Ububasha

Article 10: Powers

Article 10: Compétences

Ingingo ya 11: Ububasha bwihariye bw'Umubitsi Mukuru w'Impapurompamo z'Ubutaka

Article 11: Specific powers of the Chief Registrar of Land Titles

Article 11: Compétences spécifiques du Conservateur des Titres Fonciers en Chef

Ingingo ya 12: Inshingano z'Umubitsi Mukuru w'Impapurompamo z'Ubutaka

Article 12: Responsibilities of the Chief Registrar of Land Titles

Article 12: Attributions du Conservateur des Titres Fonciers en Chef

Ingingo ya 13: Inshingano z'Umubitsi w'Impapurompamo z'Ubutaka

Article 13: Responsibilities of a Registrar of Land Titles

Article 13: Attributions du Conservateur des Titres Fonciers

Ingingo ya 14: Gushyira umukono ku mpapurompamo z'ubutaka

Article 14: Signing land titles

Article 14: Apposition de la signature sur les titres fonciers

Ingingo ya 15: Kashi y'Umubitsi Mukuru w'Impapurompamo z'Ubutaka n'iy'Umubitsi w'impapurompamo z'ubutaka

Article 15: Seal of Chief Registrar of Land Titles and Registrar of Land titles

Article 15: Sceau du Conservateur des Titres Fonciers en Chef et Conservateur des Titres Fonciers

Ingingo ya 16: Ububasha bushingiye ku ifasi

Article 16: Territorial jurisdiction

Article 16: Compétence territoriale

UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 17: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka

Ingingo ya 18: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo ya 19: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa

CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS

Article 17: Authorities responsible for the implementation of this Order

Article 18: Repealing provision

Article 19: Commencement

CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES

Article 17: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Article 18: Disposition abrogatoire

Article 19: Entrée en vigueur

ITEKA RYA PEREZIDA N°008/01 RYO KU WA 10/05/2016 RIGENA IMIKORERE N'UBUBASHA BY'UMUBITSI W'IMPAPUROPAMO Z' UBUTAKA **PRESIDENTIAL ORDER N°008/01 OF 10/05/2016 DETERMINING THE FUNCTIONING AND POWERS OF REGISTRAR OF LAND TITLES** **ARRETE PRESIDENTIEL N°008/01 DU 10/05/2016 DETERMINANT LE FONCTIONNEMENT ET LES COMPETENCES DU CONSERVATEUR DES TITRES FONCIERS**

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repbulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repbulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'iya 176;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 telle que révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176;

Dushingiye ku Itegeko n° 43/2013 ryo ku wa 16/06/2013 rigenga ubutaka mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 18;

Pursuant to Law n° 43/2013 of 16/6/2013 governing land in Rwanda, especially in Article 18;

Vu la Loi n° 43/2013 du 16/06/2013 portant régime foncier au Rwanda, en son article 18;

Dusubiye ku Iteka rya Perezida n° 97/01 ryo ku wa 18/6/2014 rigena imikorere n'ububasha by'Umubitsi w'Impapurompamo z'Ubutaka;

Having reviewed Presidential Order n° 97/01 of 18/6/2014 determining the functioning and competences of the Registrar of Land Titles;

Revu l'Arrêté Présidentiel n° 97/01 du 18/6/2014 déterminant le fonctionnement et les compétences du Conservateur des Titres Fonciers;

Bisabwe na Minisitiri w'Umutungo Kamere;

On request by the Minister of Natural Resources;

Sur proposition du Ministre des Ressources Naturelles;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 18/01/2016, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 18/01/2016;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 18/01/ 2016;

TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE:

HAVE ORDERED AND HEREBY ORDER:

AVONS ARRETE ET ARRETONS:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije

Iri teka rigena imikorere n'ububasha by'Umubitsi Mukuru w'Impapurompamo z'Ubutaka n'Umubitsi w'Impapurompamo z'Ubutaka.

Article One: Purpose of this Order

This Order determines the performance of duties and powers of the Chief Registrar of Land Titles and a Registrar of Land Titles.

Article premier: Objet du présent arrêté

Le présent arrêté détermine les modalités et les compétences du Conservateur des Titres Fonciers en Chef et Conservateur des Titres Fonciers.

Ingingo ya 2: Igisobanuro cy'Umubitsi w'Impapurompamo z'Ubutaka

Umubitsi w'Impapurompamo z'Ubutaka ni umukozi wa Leta wabiherewe ububasha ushinzwe kubika no guhuza n'igihe inyandiko n'urutonde rukubiyemo uburenganzira bw'ubutaka bwanditse; ashobora kuba Umubitsi Mukuru w'impapuro z'Ubutaka cyangwa Umubitsi w'Impapuro z'Ubutaka.

Article 2: Definition of Land Registrar

A Land Registrar is a public officer responsible for keeping and updating the land register; he/she can be the Chief Registrar of Land Titles or a Registrar of Land Titles.

Article 2: Définition du Conservateur Foncier

Le Conservateur foncier est un officier public chargé du maintien et de la mise à jour de la base des données foncières ; il peut être le Conservateur des Titres Fonciers en Chef ou le Conservateur des Titres Fonciers.

Umubitsi w'Impapurompamo z'Ubutaka akorera mu rwego rw'Igihugu rushinzwe iyandikira ry'ubutaka.

A Land Registrar operates under the National institution in charge of land registration.

Le Conservateur foncier opère dans l'institution nationale ayant en charge l'enregistrement foncier.

UMUTWE WA II: IMIKORERE Y'UMUBITSI MUKURU W'IMPAPUROMPAMO Z'UBUTAKA N'UMUBITSI W'IMPAPUROMPAMO Z'UBUTAKA

CHAPTER II: FUNCTIONING OF THE CHIEF REGISTRAR OF LAND TITLES AND A REGISTRAR OF LAND TITLES

CHAPITRE II: FONCTIONNEMENT DU CONSERVATEUR DES TITRES FONCIERS EN CHEF ET DU CONSERVATEUR DES TITRES FONCIERS

Ingingo ya 3: Amafasi y'iyandikisha ry'ubutaka

Igihugu cy'u Rwanda kigabanijemo amafasi y'iyandikisha ry'ubutaka atanu (5). Ayo mafasi ni aya akurikira:

Article 3: Land registration zones

The territory of Rwanda is subdivided into five (5) land registration zones. Zones are as follows:

Article 3: Zones d'enregistrement foncier

Le territoire national Rwandais est divisé en cinq (5) Zones d'enregistrement foncier. Les zones d'enregistrement sont les suivantes:

Official Gazette n° 22 of 30/05/2016

- | | | |
|---|--|--|
| 1° Ifasi y'iyandikisha ry'ubutaka y'Umujyi wa Kigali; | 1° the land registration zone of the City of Kigali; | 1° la zone d'enregistrement foncier de la Ville de Kigali; |
| 2° Ifasi y'iyandikisha ry'ubutaka y'Amajyaruguru; | 2° the land registration zone of the North; | 2° la zone d'enregistrement foncier du Nord; |
| 3° Ifasi y'iyandikisha ry'ubutaka y'Amajyepfo; | 3° the land registration zone of the South; | 3° la zone d'enregistrement foncier du Sud; |
| 4° Ifasi y'iyandikisha ry'ubutaka y'Uburasirazuba; | 4° the land registration zone of the East; | 4° la zone d'enregistrement foncier de l'Est; |
| 5° Ifasi y'iyandikisha ry'ubutaka y'Uburengerazuba; | 5° the land registration zone of the West. | 5° la zone d'enregistrement foncier de l'Ouest. |

Buri Fasi ikuriwe n'Umubitsi w'Impapurompamo z'Ubutaka.

Each zone is under the responsibility of a Registrar of Land Titles.

Chaque zone est sous la responsabilité d'un Conservateur des Titres Fonciers.

Kubera imirimo ye, Umuyobozi w'Ishami ry'Ubutaka no Gutunganya Amakarita mu Rwego rw'Igihugu rushinzwe iyandika ry'ubutaka, ibipimo n'amakuru y'ubutaka, akora imirimo y'Umubitsi w'Impapurompamo z'Ubutaka. Akorera mu Biro by'Umubitsi Mukuru w'Impapurompamo z'Ubutaka.

By virtue of his/her attributions, the head of the department of lands and mapping within the national institution in charge of land registration and geo-information services, acts as a registrar of land titles. He/she is attached to the office of the Chief Registrar of Land Titles.

De par ses fonctions, le Chef du département des terres et de la cartographie au sein de l'institution nationale en charge de l'enregistrement et les services de géo-information est également investi des fonctions de Conservateur des titres fonciers. Il est rattaché à l'Office du Conservateur des Titres Fonciers en Chef.

Umubitsi Mukuru w'Impapurompamo z'Ubutaka ashyiraho amabwiriza agenga imikoranyire ye n'abandi Babitsi b'Impapurompamo z'Ubutaka bakorera mu mafasi.

The Chief Registrar of Land Titles determines, by instructions, modalities of working relationship between him/her and other Registrars of Land Titles working in zones.

Le Conservateur des Titres Fonciers en Chef détermine, par voie d'instructions, les modalités de sa collaboration avec les autres Conservateurs des Titres Fonciers œuvrant dans les zones.

Ingingo ya 4: Irahira n'itangira ry'imirimo

Article 4: Taking oath and commencement of duties

Article 4: Prestation de serment et entrée en fonctions

Mbere yo gutangira imirimo yabo, Umubitsi Mukuru w'Impapurompamo z'Ubutaka n'Ababitsi b'Impapurompamo z'Ubutaka barahirira gutunganya imirimo yabo.

Before taking office, the Chief Registrar and Registrars of Land Titles take oath to fulfil their duties.

Avant d'entrer en fonctions, le Conservateur des Titres Fonciers en Chef et les Conservateurs des Titres Fonciers prêtent serment d'accomplir leurs tâches.

Ingingo ya 5: Ubwigenge mu mikorere

Mu mirimo ye, Umubitsi Mukuru w'Impapurompamo z'Ubutaka cyangwa Umubitsi w'Impapurompamo z'Ubutaka akurikiza amategeko kandi agakora imirimo ye mu bwigenge.

Ingingo ya 6: Inama y'Ababitsi b'Impapurompamo z'ubutaka

Hashyizweho Inama y'Ababitsi b'Impapurompamo z'Ubutaka ifite inshingano yo gusuzuma no gufata imyanzuro ku bibazo byerekeranye no kwandika ubutaka n'imigendekere myiza y'akazi.

By'umwihariko, iyo nama ifite inshingano zikurikira:

1° kwemeza iteshagaciro ry'icyemezo cy'iyandikisha ry'ubutaka, gusa mu bihe bikurikira:

- a. mu gihe urukiko rwafashe umwanzuro ku muntu ufite uburenganzira ku mutungo w'ubutaka ariko ntirutegeke gutsha agaciro ibyangombwa by'ubutaka byatanzwe mbere;
- b. mu gihe hakoreshejwe inyandikompimbano mu kubona ibyemezo by'iyandikisha ry'ubutaka, bikaba byaremejwe n'urukiko;

Article 5: Independence in functioning

In his/her functions, the Chief Registrar of Land Titles or a Registrar of Land Titles abides by provisions of the law and delivers duties independently.

Article 6: Council of Registrars of Land Titles

There is hereby established a Council of Registrars of Land Titles which has responsibility to analyse and decide on issues related to land registration and well-functioning of the service.

In particular, the Council has the following responsibilities:

1° to decide on the cancellation of a land title, but only under the following circumstances:

- a. when there is a court order on right of ownership of land but there is no decision of cancelling the previously issued land title;
- b. when there was use of forged documents to obtain a land title as determined by court;

Article 5: Indépendance dans le fonctionnement

Dans l'exercice de ses fonctions, le Conservateur des Titres Fonciers en Chef ou le Conservateur des Titres Fonciers s'acquitte de ses tâches conformément à la loi et en toute indépendance.

Article 6: Collège des Conservateurs des Titres Fonciers

Il est institué un Collège des Conservateurs des Titres Fonciers dont les attributions consistent à examiner et donner des orientations aux questions touchant à l'enregistrement foncier et à la bonne marche du service.

En particulier, le Collège a les attributions suivantes:

1° décider de l'annulation d'un titre foncier, seulement dans les circonstances suivantes :

- a. quand il y a décision d'une juridiction statuant sur l'ayant droit d'une propriété foncière sans décider de l'annulation d'un titre antérieurement attribué ;
- b. quand il y eu usage de faux documents pour obtenir un titre foncier tel que constaté par une juridiction;

Official Gazette n° 22 of 30/05/2016

- | | | |
|---|--|--|
| <p>c. mu gihe habayeho kwibeshya ku numero ubutaka bwabaruweho mu gutanga ibyemezo by'iyandikisha ry'ubutaka kandi uwari wagitwaye akaba nta bushake afite bwo kukigarura;</p> <p>d. habayeho ikosa ritewe n'uburyo bw'ikoranabuhanga mu gusohora icyemezo cy'iyandikisha ry'ubutaka k'uwo kitari kigenewe kandi uwari wagitwaye akaba nta bushake afite bwo kukigarura;</p> <p>e. mu gihe hari ibimenyetso bigaragaza ko ubutaka bwa Leta n'ubw'inzego zayo bwiandikishijweho n'undi muntu mu buryo bunyuranije n'amategeko;</p> | <p>c. when there was an error with the unique parcel identifier when issuing a title and the title's holder has no willingness to return the title voluntarily;</p> <p>d. when there was an error due to information technology system used to issue a title to a non-right owner and the title's holder has no willingness to return the title voluntarily;</p> <p>e. when there is proof that land belonging to the State and its organs has been registered to another person in an unlawful way;</p> | <p>c. quand il y a eu erreur de numéro unique d'identification de parcelle au moment de l'attribution du titre foncier et que le détenteur du titre attribué n'a pas la volonté de le retourner;</p> <p>d. quand il y a eu erreur due à la technologie de l'information utilisé pour donner un titre foncier à un non-ayant droit et que le détenteur du titre attribué n'a pas la volonté de le retourner ;</p> <p>e. quand il y a preuve que la terre appartenant à l'Etat ou ses organes a été enregistrée à une autre personne d'une façon illégale;</p> |
| <p>2° kwemeza ivanwaho ry'amakimbirane yanditswe mu gihe cy'iyandikisha rusange ry'ubutaka, iyo bigaragaye ko uwandikishije amakimbirane ntacyo yakoze ngo akemuke, byaba biciye mu miryango, abunzi cyangwa inkiko;</p> | <p>2° to decide the removal of a dispute which was registered during the systematic land registration, in case it is clear that the person who registered the dispute did nothing to resolve it either through family, mediation committees or court.</p> | <p>2° décider du retrait des disputes inscrites durant l'enregistrement systématique des terres, dans le cas où la personne qui a fait inscrire la dispute n'a rien fait pour la résoudre soit au sein de la famille, soit à travers les comités des Conciliateurs ou par une juridiction;</p> |
| <p>3° kwiga no kwemeza amabwiriza y'Umubitsi Mukuru w'Impapuompamo z'Ubutaka.</p> | <p>3° to examine and approve instructions of the Chief Registrar of Land Titles.</p> | <p>3° examiner et approuver les instructions du Conservateur des Titres Fonciers en Chef.</p> |
| <p>Ibyemezo byafashwe n'Inama y'Ababitsi b'Impapuompamo z'Ubutaka bishyirwa mu bikorwa n'Umubitsi w'Impapuompamo z'Ubutaka ubifitiye ububasha.</p> | <p>The decisions of the Council of Registrars of Land Titles are implemented by the competent Registrar of Land Titles.</p> | <p>Les décisions prises par le Collège des Conservateurs des Titres Fonciers sont mises en exécution par le Conservateur des Titres Fonciers compétent.</p> |
| <p>Inama y'Ababitsi b'Impapuompamo z'ubutaka iterana rimwe buri gihembwe n'igihe cyose bibaye</p> | <p>The Council of Registrars of Land Titles is convened on a quarterly basis or any time it is</p> | <p>Le Collège des Conservateurs des Titres Fonciers se réunit une fois par trimestre et chaque fois en cas</p> |

ngombwa. Inama iyoborwa n'Umubitsi Mukuru w'Impapurompamo z'ubutaka.

Ingingo ya 7: Inshingano mu bijyanye n'imikorere y'Ibiro by'Ubutaka by'Akarere n'Umurenge

Umubitsi Mukuru w'Impapurompamo z'Ubutaka n'Umubitsi w'Impapurompamo z'Ubutaka bafite ububasha bwo gutanga amabwiriza ya tekiniki ku bakozi bashinzwe iby'ubutaka ku rwego rw'Akarere n'Umurenge bakanagira uruhare mu igenzura ry'imikorere yabo.

Ingingo ya 8: Gusigarirwa ku mirimo

Iyo Umubitsi Mukuru w'Impapurompamo z'Ubutaka adahari, asimburwa n'Umubitsi w'Impapurompamo z'Ubutaka ukorera mu Biro bye.

Iyo Umubitsi w'Impapurompamo z'Ubutaka ukorera mu ifasi adahari, Umubitsi Mukuru w'Impapurompamo z'Ubutaka agena mu bandi Babitsi b'Impapurompamo umusigariraho .

Icyakora, Umubitsi w'Impapurompamo z'Ubutaka w'umusigire akomeza kuzuzwa inshingano asanganywe mu ifasi ashinzwe.

Ingingo ya 9: Gutanga raporo

Mu mpera za buri gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa, Umubitsi Mukuru w'Impapurompamo aha Minisitiri ufite Ubutaka mu nshingano ze raporo

considered necessary. It is chaired by the Chief Registrar of Land Titles.

Article 7: Responsibilities related to functioning of District and Sector Land Bureaus

The Chief Registrar of Land Titles and Registrar of Land Titles have powers to issue technical instructions to the staff of District and Sector land bureaus and participate in controlling their performance.

Article 8: Replacement during absence

In case of his/her absence, the Chief Registrar of Land Titles is replaced by the Registrar of Land titles attached to his/her Office.

In case a Registrar of Land Titles working from a zones is absent, the Chief Registrar of Land Titles designates one from among the other Registrars of Land Titles to act.

However, the acting Registrar of Land Titles continues to fulfill his/her duties in his/her zone of deployment.

Article 9: Report of activities

At the end of every quarter and any time it is considered necessary, the Chief Registrar submits

de besoin. Il est présidé par le Conservateur des Titres Fonciers en Chef.

Article 7: Attributions en matière de fonctionnement du Bureau Foncier de District et Secteur

Le Conservateur des Titres Fonciers en Chef et le Conservateur des Titres Fonciers ont le pouvoir de donner des instructions techniques au personnel du Bureau Foncier de District et de Secteur et de participer au contrôle de leur performance.

Article 8: Remplacement en cas d'absence

En cas de son absence, le Conservateur des Titres Fonciers en Chef est remplacé par le Conservateur des Titres Fonciers rattaché à son office.

En cas d'absence d'un Conservateur des Titres Fonciers qui travaille dans des zones, le Conservateur des Titres Fonciers en Chef désigne, parmi les autres Conservateurs des Titres Fonciers, celui qui en assure l'intérim.

Toutefois, le Conservateur des Titres Fonciers intérimaire continue de remplir ses fonctions habituelles dans sa zone d'affectation.

Article 9: Rapport d'activités

A la fin de chaque trimestre et chaque fois que de besoin, le Conservateur des Titres Fonciers en Chef transmet au Ministre ayant les terres dans ses

y'ibikorwa irebana n'itangwa ry'impapuruompamo z'ubutaka.

a report of activities related to issued land titles to the Minister in charge of land.

attributions le rapport d'activités relatif à la délivrance des titres fonciers.

UMUTWE WA III: UBUBASHA N'INSHINGANO BY'UMUBITSI MUKURU W'IMPAPUROMPAMO Z'UBUTAKA N'UMUBITSI W'IMPAPUROMPAMO Z'UBUTAKA

CHAPTER III: POWERS AND RESPONSIBILITIES OF THE CHIEF REGISTRAR OF LAND TITLES AND A REGISTRAR OF LAND TITLES

CHAPITRE III: COMPETENCES ET ATTRIBUTIONS DU CONSERVATEUR DES TITRES FONCIERS EN CHEF ET DU CONSERVATEUR DES TITRES FONCIERS

Ingingo ya 10: Ububasha

Article 10: Powers

Article 10: Compétences

Umubitsi Mukuru w'Impapuruompamo z'Ubutaka n'Umubitsi w'Impapuruompamo z'Ubutaka bafite ububasha bukurikira:

The Chief Registrar of Land Titles and a Registrar of Land Titles have the following powers:

Le Conservateur des Titres Fonciers en Chef et le Conservateur des Titres Fonciers ont les compétences suivantes:

1° gushyira umukono ku mpapuruompamo z'ubutaka hamwe n'amasezerano y'ubukode burambye;

1° to sign certificates of land titles and emphyteutic leases;

1° apposer leurs signatures sur les titres fonciers ainsi que sur les contrats de bail emphytéotique;

2° kwemeza ko ubutaka butanzwe burundu;

2° to certify that land has been definitely allocated;

2° certifier qu'une terre est définitivement allouée;

3° kwemeza ko ubutaka bukodeshejwe ku buryo burambye cyangwa butanzweho inkondabutaka;

3° to certify that land is leased under a long term or is under freehold;

3° certifier qu'une terre est donnée en bail emphytéotique ou en pleine propriété;

4° gutanga icyemezo cy'iyandikisha ry'ubutaka gisimbura icyatakaye cyangwa icyangiritse;

4° to issue a certificate of land registration to replace a lost or damaged one;

4° délivrer un certificat d'enregistrement foncier en remplacement de celui qui a été perdu ou abîmé;

5° gutesha agaciro icyemezo cy'iyandikisha ry'ubutaka mu buryo buteganywa n'amategeko;

5° to cancel certificate of land registration in accordance with the law;

5° annuler, conformément à la législation, un certificat d'enregistrement foncier;

6° guhindura no kuzuza amakuru muri rejisitiri y'ubutaka;

6° to update the land registry;

6° mettre à jour le registre foncier;

- | | | |
|--|--|--|
| 7° kwemeza ihererekanya ry'ubutaka bashyira umukono wabo ku nyandiko zibigaragaza; | 7° to certify a land transaction by signing the transaction documents; | 7° certifier les transactions immobilières par l'apposition de leurs signatures; |
| 8° kwemerera kubona amakuru yerekeranye n'abatunze ubutaka, mu buryo buteganywa n'amategeko. | 8° to give access to information related to land ownership in accordance with the law. | 8° donner accès à l'information relative à la propriété foncière, conformément à la loi. |

Ingingo ya 11: Ububasha bwihariye bw'Umubitsi Mukuru w'Impapurompamo z'Ubutaka

Article 11: Specific powers of the Chief Registrar of Land Titles

Article 11: Compétences spécifiques du Conservateur des Titres Fonciers en Chef

Umubitsi Mukuru w'Impapurompamo z'Ubutaka afite ububasha bwihariye bukurikira:

The Chief Registrar of Land Titles has the following specific powers:

Le Conservateur des Titres Fonciers en Chef a les compétences spécifiques suivantes:

- | | | |
|--|---|---|
| 1° kuzuzwa ububasha buvugwa mu ngingo ya 10 y'iri teka mu bijyanye n'ubutaka bwa Leta n'inzego zayo; | 1° to exercise the powers mentioned in Article 10 of this Order as far as public land is concerned; | 1° remplir les compétences stipulées à l'article 10 du présent arrêté en relation avec les terres relevant du domaine public; |
| 2° kwemeza no gushyira umukono ku nyandiko z'iherekanya ry'uburenganzira ku butaka buri mu mafasi arenze imwe (1). | 2° to certify and sign documents related to land transaction in more than one (1) zone. | 2° certifier et apposer sa signature sur des transactions foncières impliquant les terres situées dans plus d'une (1) zone. |

Ingingo ya 12: Inshingano z'Umubitsi Mukuru w'Impapurompamo z'Ubutaka

Article 12: Responsibilities of the Chief Registrar of Land Titles

Article 12: Attributions du Conservateur des Titres Fonciers en Chef

Umubitsi Mukuru w'Impapurompamo z'Ubutaka afite inshingano zikurikira:

The Chief Registrar of Land Titles has the following responsibilities:

Le Conservateur des Titres Fonciers en Chef a les attributions suivantes:

- | | | |
|--|---|--|
| 1° guhuza ibikorwa by'Ababitsi b'Impapurompamo z'Ubutaka; | 1° to coordinate activities of Registrars of Land Titles; | 1° coordonner les activités des Conservateurs des Titres Fonciers; |
| 2° kugenzura imikorere y'Ababitsi b'Impapurompamo z'Ubutaka; | 2° to supervise activities of Registrars of Land Titles; | 2° superviser les activités des Conservateurs des Titres Fonciers; |

- | | | |
|---|--|---|
| 3° kugena Umubitsi w'Impapurompamo z'Ubutaka, iyo bibaye ngombwa, ufasha undi Mubitsi w'Impapurompamo z'Ubutaka mu yindi fasi; | 3° to designate, when necessary, a Registrar of Land Titles to assist another Registrar in another zone; | 3° désigner, en cas de nécessité, un Conservateur des Titres Fonciers pour appuyer dans une autre zone; |
| 4° guhindura, bibaye ngombwa, ifasi umubitsi w'Impapurompamo z'Ubutaka akoreramo, amaze kugisha inama Minisitiri ufite ubutaka mu nshingano ze. | 4° to transfer, when necessary, a Registrar of Land Titles to another zone after consultation with the Minister in charge of land. | 4° muter, en cas de nécessité, un Conservateur des Titres Fonciers dans une autre zone, après consultation avec le Ministre ayant les terres dans ses attributions. |

Ingingo ya 13: Inshingano z'Umubitsi w'Impapurompamo z'Ubutaka

Umubitsi w'Impapurompamo z'ubutaka afite inshingano zikurikira:

- 1° guhuza imirimo ijyanye n'iyandikisha ry'ubutaka mu ifasi ashinzwe;
- 2° kugena umukuru w'ibiro by'ubutaka uri hafi usigara yemeza amasezerano y'hererekanya ry'ubutaka mu gihe hari umwe mu Bakuru b'Ibiro by'Ubutaka wagize impamvu zituma ataboneka ku mirimo ye;
- 3° kugira inama abayobozi b'Akarere mu bijyanye no gushyira mu kazi abakozi bo mu Biro by'Ubutaka by'Akarere, imihanire yabo n'amicungire y'akazi kabo mu buryo bwa rusange;
- 4° gukurikirana imikorere ya ba noteri mu by'ubutaka bari mu ifasi ashinzwe.

Article 13: Responsibilities of a Registrar of Land Titles

A Registrar of Land Titles has the following responsibilities:

- 1° to coordinate activities related to land registration within his/her zone of deployment;
- 2° to designate the nearest district land officer as replacement for an absent land officer who will certify contracts of land transaction ;
- 3° to advise District Authorities on recruitment of staff of District Land Bureau, taking disciplinary sanctions against them and management of their work in general.
- 4° to follow up activities of land notaries in his/her zone of deployment

Article 13: Attributions du Conservateur des Titres Fonciers

Le Conservateur des Titres Fonciers a les attributions suivantes :

- 1° coordonner les activités relatives à l'enregistrement foncier dans sa zone d'affectation ;
- 2° désigner le Chef du Bureau Foncier proche qui assure l'intérim en matière de transactions foncières, en cas d'absence du Chef du Bureau Foncier de District;
- 3° conseiller les autorités District en matière de recrutement des agents du Bureau Foncier du District, de leur régime disciplinaire et, de façon générale, de la gestion de leur carrière.
- 4° suivre de près les activités des notaires en matière foncière se trouvant dans sa zone d'affectation.

Uretse kumusigariraho mu gihe adahari, Umubitsi Mukuru w'Impapurompamo z'Ubutaka agenera Umubitsi w'Impapurompamo z'Ubutaka ukorera mu Biro bye izindi nshingano abinyujije mu mabwiriza.

Ingingo ya 14: Gushyira umukono ku mpapurompamo z'ubutaka

Umubitsi Mukuru w'Impapurompamo z'ubutaka n'Umubitsi w'Impapurompamo z'ubutaka ni bo bonyine bemerewe gushyira umukono ku mpapurompamo z'ubutaka hamwe n'amasezerano y'ubukode burambye.

Ingingo ya 15: Kashi y'Umubitsi Mukuru w'Impapurompamo z'Ubutaka n'iy'Umubitsi w'impapurompamo z'ubutaka

Umubitsi Mukuru w'Impapurompamo z'Ubutaka n'Umubitsi w'Impapurompamo z'Ubutaka bagira, buri wese, Kashi yihariye ikoreshwa mu buryo buteganyijwe n'amategeko abigenga.

Uburyo bw'ikoranabuhanga bushobora gukoreshwa muri iyo kashi byemejwe n'Inama y'Ababitsi b'Impapurompamo z'Ubutaka.

Ingingo ya 16: Ububasha bushingiye ku ifasi

Umubitsi Mukuru w'Impapurompamo z'Ubutaka afite ububasha mu Gihugu hose.

Besides replacing him/her in his/her absence, the Chief Registrar of Land Titles gives, through instructions, other attributions to the Registrar of Land Titles working in his/her office.

Article 14: Signing land titles

The Chief Registrar of Land Titles and Registrar of Land Titles are the only officials authorized to sign land titles and emphyteutic leases.

Article 15: Seal of Chief Registrar of Land Titles and Registrar of Land titles

The Chief Registrar of Land Titles and a Registrar of Land Titles each have, a special seal which is used in accordance with the relevant laws.

Information technology systems may be used for the seal upon approval by the Council of Registrars of Land Titles.

Article 16: Territorial jurisdiction

The Chief Registrar of Land Titles has powers over the whole National territory.

A part le remplacer en cas d'absence, le Conservateur des Titre Fonciers en Chef donne, par biais des instructions, d'autres attributions au Conservateur des Titres Fonciers attaché à son office.

Article 14: Apposition de la signature sur les titres fonciers

Le Conservateur des Titres Fonciers en Chef et le Conservateur des Titres Fonciers sont les seuls habilités à apposer leurs signatures sur les titres fonciers et les contrats de bail emphytéotique.

Article 15: Sceau du Conservateur des Titres Fonciers en Chef et Conservateur des Titres Fonciers

Le Conservateur des Titres Fonciers en Chef et le Conservateur des Titres Fonciers ont chacun un sceau, utilisé selon la législation en vigueur.

Les systèmes de technologie de l'information peuvent être utilisés pour ledit Sceau après adoption par le Conseil des Conservateurs des Titres Fonciers.

Article 16: Compétence territoriale

Le Conservateur des Titres Fonciers en Chef exerce ses compétences sur tout le territoire national.

Ububasha bw'Umubitsi w'Impapurompamo z'Ubutaka ubarizwa mu biro by'Umubitsi Mukuru w'Impapurompamo z'Ubutaka bugenwa n'amabwiriza y'Umubitsi Mukuru w'Impurompamo z'Ubutaka.

Territorial jurisdiction of the Registrar of Land Titles working in the Office of the Chief Registrar is determined by instructions of the Chief Registrar of Land Titles.

La compétence territoriale du Conservateur des Titres Fonciers attaché à l'office du Conservateur en Chef est déterminée par les instructions du Conservateur des Titres Fonciers en Chef.

Umubitsi w'Impapurompamo z'Ubutaka ushinzwe ifasi afite ububasha mu ifasi ashinzwe gusa. Ibiro bye biba muri kamwe (1) mu Turere tugize ifasi ye.

A Registrar of Land Titles has powers in his/her zone of deployment. His/her office is located in one (1) of the Districts composing his/her zone.

Le Conservateur des Titres Fonciers exerce sa compétence dans sa zone d'affectation. Il a son siège dans l'un (1) des Districts de sa zone d'affectation.

UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA

CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS

CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES

Ingingo ya 17: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka

Article 17: Authorities responsible for the implementation of this Order

Article 17: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Minisitiri w'Intebe, Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo na Minisitiri w'Umutungo Kamere basabwe kubahiriza iri teka.

The Prime Minister, the Minister of Public Service and Labor and the Minister of Natural Resources are entrusted with the implementation of this Order.

Le Premier Ministre, le Ministre de la Fonction Publique et du Travail ainsi que le Ministre des Ressources Naturelles sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

Ingingo ya 18: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 18: Repealing provision

Article 18: Disposition abrogatoire

Iteka rya Perezida n° 97/01 ryo ku wa 18/6/2014 rigena imikorere n'ububasha by'Umubitsi w'Impapurompamo z'Ubutaka, n'ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.

Presidential Order n° 97/01 of 18/6/2014 determining the functioning and the competences of the Registrar of Land Titles and all prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

L'Arrêté Présidentiel n° 97/01 du 18/6/2014 déterminant le fonctionnement et les compétences du Conservateur des Titres Fonciers ainsi que toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Ingingo ya 19: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa **10/05/2016**

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
MUREKEZI Anastase
Minisitiri w'Intebe

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Article 19: Commencement

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **10/05/2016**

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
MUREKEZI Anastase
Prime Minister

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

Article 19: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **10/05/2016**

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
MUREKEZI Anastase
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux